**AMABWIRIZA N°10 AGENGA IGURWA RY'IMIGABANE YOSE YA SOSIYETE IFITE IMIGABANE KU ISOKO**

Gishingiye ku Itegeko n° 11/2011 ryo kuwa 18/05/2011 rishyiraho Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane , cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 n'iya 4;

Gishingiye ku Itegeko n° 01/2011 ryo kuwa 10/02/2011 rigenga Isoko ry'imari n'imigabane, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 74;

Gishingiye ku Itegeko n° 40/2011 ryo kuwa 20/09/2011 rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;

Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda cyitwa "IKIGO" mu ngingo zikurikira, cyemeje amabwiriza akurikira:

**<u>UMUTWE WA MBERE</u> : INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya 1:</u> Icyo aya Mabwiriza agamije**

Icyo aya Mabwiriza agamije ni ugushyiraho uburyo bukurikizwa mu gupiganira kugura imigabane ituma umuntu agira ubwiganze muri sosiyete kugira ngo habeho igurwa

**CAPITAL MARKETS (TAKEOVERS) REGULATIONS N°10, 2012**

Pursuant to the Law N° 11/2011 of 18/05/2011 establishing the Capital Markets Authority especially in its Articles 3 & 4;

Pursuant to the Law No 01/2011 of 10/02/2011 regulating the Capital market, especially in its Article 74;

Pursuant to the Law No 40/2011 of 20/09/2011 regulating the Collective Investment Schemes especially in its Article 64;

The Capital Market Authority hereinafter referred to as the "AUTHORITY", decrees:

**<u>CHAPTER I:</u> GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article 1:</u> Purpose of the regulations:**

The purpose of these regulations is to guide the process of takeover offers so as to create fairness and equitability. These regulations apply to the conduct of all takeover offers,

**REGLEMENTS N°10 REGISSANT L'OFFRE PUBLIQUE D'ACHAT SUR LE MARCHE DES CAPITAUX, 2012**

Vu la Loi n° 11/2011 du 18/05/2011 portant création de l'Autorité des marchés des capitaux, spécialement en ses articles 3 et 4 ;

Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda, spécialement en son article 74 ;

Vu la Loi n° 40/2011 du 20/09/2011 portant régulation des fonds d'investissements collectifs au Rwanda, spécialement en son article 64 ;

L'Autorité des marchés des capitaux, ci-après dénommée " l'AUTORITE", adopte les Règlements suivants :

**<u>CHAPITRE PREMIER</u> : DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article 1:</u> Objet des présentes règlements**

Les présents règlements ont pour objet de guider le processus des offres publiques d'achat en vue de s'assurer de l'impartialité et de l'équité. Les présents règlements

ry'imigabane rikozwe mu mucyo kandi habeho gutanga amahirwe angana kuri bose. Aya mabwiriza agenga ibikorwa byose birebana no gupiganira kugura imigabane ituma umuntu agira ubwiganze kandi amasosiyete yemerewe gushyira ku isoko imigabane ashobora kubahiriza aya mabwiriza ku bushake cyangwa agategekwa kuyubahiriza.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

"**Itegeko**" bivuga Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga Isoko ry'imari n'imigabane;

"**Ikigo**" bivuga Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane cyashyizweho n'Itegeko no 11/2011 ryo ku wa 18/05/2011;

"**Abantu bakorana**" bivuga abantu bakorana amasezerano cyangwa bumvikana ( byaba mu buryo bushingiye ku mategeko cyangwa budashingiye ku mategeko, byaba mu magambo cyangwa mu nyandiko, byaba mu buryo buziguye cyangwa butaziguye cyangwa se hatitawe ku kuba ayo masezerano cyangwa ubwo bwumvikane bigomba kubahirizwa nk'itegeko cyangwa se akaba agomba kubahirizwa n'uruhande rwumvako kuyubahiriza byaba ari ugushyira mu gaciro) bagamije gukorera hamwe ku buryo bufatika kugira ngo bagire ubwiganze muri sosiyete yemerewe gushyira imigabane ku isoko cyangwa se bagamije kongera ubwiganze bari basanganwe muri iyo sosiyete kandi ibyo

whether voluntary or mandatory, made in respect of listed companies.

**Article 2: Definitions**

"**Act**" means the law No 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market;

"**Authority**" means the Capital Markets Authority established by the Law No 11/2011 of 18/05/2011;

"**acting in consent**" means persons who, pursuant to an agreement, arrangement or understanding (whether formal or informal, whether written or oral, whether express or implied or whether or not having legal or equitable force ), actively co-operate to obtain or consolidate control of a listed company through the acquisition by any of them of shares in that company;

s'appliquent à la conduite de toutes les offres publiques d'achat, qu'elles soient volontaires ou obligatoires, dans le cas des sociétés cotées.

**Article 2: Définitions**

«**Loi**» désigne la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda ;

«**Autorité**» désigne l'Autorité du marché des capitaux créée en vertu de la Loi n° 11/2011 du 18/05/2011 ;

« **personnes agissant de concert**» désigne les personnes qui, en vertu d'un contrat, d'un accord ou d'une entente (formel ou informel, écrit ou oral, expresse ou implicite ou ayant ou non force de loi ou d'équité), collaborent activement en vue de prendre ou de consolider le contrôle d'une société cotée grâce à l'achat par l'une d'entre elles des actions de cette société;

bakabigeraho umuntu uyu n'uyu muri bo agura imigabane muri iyo sosiyete.

"**Inama y'Ubutegetsi**" bivuga inama y'ubutegetsi ya sosiyete yemerewe gushyira ku isoko imigabane;

"**Abafitanye isano ya hafi**" bivuga abafitanye isano umwe abereye undi umugore, umwana we w'umuhungu, umwana w'umuhungu yafashe akamubera umwana mu buryo bwemewe n'amategeko, umwana w'umuhungu uwo bashakanye yabyaye ahandi, umukobwa we, umwana w'umukobwa yafashe akamubera umwana mu buryo bwemewe n'amategeko, umwana w'umukobwa uwo bashakanye yabyaye ahandi, ise umubyara, umugabo wa nyina ariko atari we bamubyaranye, nyina umubyara, mukase we, uwo bava inda imwe w'igitsina gabo, umwana w'igitsina gabo wa mukase cyangwa w'umugabo utunze nyina ariko atari we se, uwo bava inda imwe w'igitsina gore cyangwa umwana w'igitsina gore wa mukase cyangwa w'umugabo utunze nyina ariko atari we se;

"**Ubwiganze**" mu rwego rw'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bivuga ububasha bwo kugira uruhare rusumba urw'abandi ku birebana n'ububasha bwo gutora umuntu agira bitewe n'imigabane afite;

"**Inyandiko**" bivuga itanganzo iri n'iri, inyandiko iyi n'iyi yamamaza cyangwa inyandiko isaba gupiganira kugura imigabane ituma umuntu agira ubwiganze muri sosiyete

"**Board**" means board of directors of a listed Company;

"C**lose relatives**": means in respect of an individual including the individual's spouse, son, adopted son, step-son, daughter, adopted daughter, stepdaughter, father, step-father, mother, step-mother, brother, stepbrother, sister or step-sister;

"**Control**" in relation to securities, means the power to exercise a controlling influence over the voting power attached to securities;

"**Document**" includes any announcement, advertisement or takeover offer issued or published by any party to a takeover offer or possible takeover offer in connection with such

«**Conseil d'administration**» désigne le Conseil d'administration d'une société cotée;

«**Proches parents**» désigne, dans le cas d'un individu, le conjoint de cet individu, son fils, son fils adoptif, son demi-fils, sa fille, sa fille adoptive, sa demi-fille, son père, son demi-père, sa mère, sa marâtre, son frère, son demi-frère, sa sœur ou sa demi -sœur;

«**Contrôle**» désigne, dans le cas des titres, le pouvoir d'exercer une influence déterminante sur les droits de vote attachés aux titres;

«**Document**» comprend toute annonce, publicité ou offre publique d'achat lancée ou publiée par une quelconque partie à une offre publique d'achat ou à une offre publique

itanzwe cyangwa yatangajwe n'uruhande uru n'uru rurebwa n'igikorwa cyo gupiganira kugura imigabane ituma umuntu agira ubwiganze muri sosiyete cyangwa igikorwa iki n'iki gishobora gukorwa mu rwego rwo gupiganira imigabane itanga ubwo bwiganze kandi iryo tangazo cyangwa iyo nyandiko ikaba ifitanye isano n'icyo gikorwa cyo gupiganira imigabane ituma umuntu agira ubwiganze muri sosiyete cyangwa n'icyo gikorwa gishobora gukorwa mu rwego rwo gupiganira imigabane itanga ubwo bwiganze;

"**Igura ry'imigabane ya sosiyete hakorehejwe kuyiguranira indi migabane**" bivuga igikorwa cyo gupiganira kugura imigabane yose ya sociayte kandi icyo gihe ingurane itangwa igomba kuba ikubiyemo imigabane y'ugurisha cyangwa y'indi sosiyete iyi n'iyi;

"**Sosiyete ishyira imigabane ku isoko**" bivuga sosiyete yemerewe gishyira imigabane ku isoko kandi imigabane yayo ikaba irebwa n'ipiganwa ryo kugura imigabane yose ya sosiyete igurisha imigabane;

"**Ugura**" bivuga umuntu wakoze cyangwa ugomba gukora inyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete ifite imigabane igurishwa cyangwa se umuntu iyo nyandiko yakozwe mu izina rye;

"**Kugura imigabane yose ya sosiyete**" bivuga ibikorwa byo kugura imigabane yose

takeover offer or possible takeover offer;

"**Exchange of securities takeover offer**" means a takeover offer in which the consideration includes securities of the offeror or any other company;

"**offeree company**" means the listed company in respect of whose shares the takeover offer relates;

"**offeror**" means the person by or on whose behalf the takeover offer is made or to be made;

"**takeover**" includes takeovers and merger transactions however effected, including

d'achat éventuelle dans le cadre de cette offre publique d'achat ou de cette offre publique d'achat éventuelle;

«**Offre publique d'échange avec paiement en titres**» désigne une offre d'acquisition dans laquelle la contrepartie comprend des titres de l'initiateur ou de toute autre société;

«**Société visée**» désigne la société cotée dont les actions sont concernées par l'offre publique d'achat;

«**Initiateur**» désigne une personne qui fait ou envisage de faire l'offre publique d'achatou au nom de laquelle ladite offre est faite ou envisagée;

« **Achat** » désigne entre autres des opérations d'acquisition et de fusion effectuées de

ya sosiyete cyangwa byo gukomatanya amasosiyete hatitawe ku buryo ibyo bikorwa byakozwemo muri ibyo bikorwa kandi hakaba harimo gahunda z'amasezerano y'ubwumvikane afite ingaruka z'ubucuruzi zisa n'ibikorwa byo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete n'ibyo gukomatanya amasosiyete ndetse n'inyandiko itanzwe na sosiyete mbyeyi irebana no gupiganira imigabane muri sosiyete yabyawe na yo;

"**Igihe gikurikizwa mu gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete**" bivuga igihe gitangirira ku itariki ugura atangarizaho ubushake bwo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete kandi ubwo bushake akabugaragaza mu nyandiko ashyikiriza Inama y'Ubutegetsi ya sosiyete ishyira imigabane ku isoko kugeza ku itariki ya mbere ntarengwa gutanga inyandiko z'ipiganwa birangiriraho cyangwa se igihe iyi ari itariki ya nyuma, bikaba bivuga itariki inyandiko yo gupiganira imigabane yose ya sosiyete itagifite inkomyi cyangwa se yatangarijweho ko itagifite inkomyi cyangwa se yatangarijweho ko igihe cyayo cyarangiye;

"**Uburenganira ku ifatwa ry'ibyemezo**" bivuga uburenganzira bukoreshwa mu nteko rusange ya sosiyete yemerewe gushyira ku isoko imigabane.

**<u>Ingingo ya 3:</u> Abantu bakorana**

schemes of arrangement that have similar commercial effect to takeovers and mergers, and offers by a parent company for shares in its subsidiary;

"**takeover offer period**" means the period from the time when an intention to make a takeover offer is communicated in writing by the offeror to the board of the offeree company until the first closing date or, if this is later, the date when such takeover offer becomes or is declared unconditional in all respects or is declared to have lapsed; and

"**Voting rights**" means all the voting rights currently exercisable at a/ annual general meeting of a listed company.

**<u>Article 3:</u> Persons acting in concert**

quelque manière que ce soit, y compris les plans d'arrangement ayant le même effet commercial que les acquisitions et les fusions et des offres par une société mère pour des actions dans sa filiale;

«**Période d'offre publique d'achat**» désigne la période entre le moment où l'intention de faire une offre d'achat est communiquée par écrit par l'initiateur au Conseil d'administration de la société visée jusqu'à la première date de clôture ou, si celle-ci est postérieure, la date à laquelle une telle offre publique d'achat devient ou est déclarée inconditionnelle à tous égards ou est déclarée comme étant expirée, et

« **Droits de vote**» désigne tous les droits de vote actuellement exerçables en assemblée générale d'une société cotée.

**<u>Article 3:</u> Personnes agissant de concert**

Muri aya Mabwiriza, abantu bavugwa muri kimwe mu byiciro bikurikira bafatwako aria bantu bakorana n'abandi bari mu cyiciro kimwe n'icyabo keretse igihe bigaragajwe ukundi:

(i) sosiyete, sosiyete yayo mbyeyi, sosiyete zabyawe na yo, sosiyete zisangiye na ya sosiyete mbyeyi, sosiyete zishyize hamwe n'izo sosiyete zavuzwe na sosiyete izo sosiyete zishyize hamwe na zo;

(ii) sosiyete hamwe n'umwe mu bagize inama yayo y'ubutegetsi ( hamwe n'abafitanye na we isano ya hafi, sosiyete ishinzwe gucungira abandi umutungo bifitanye isano ndetse na sosiyete umwe mu bagize inama y'ubutegetsi afitemo ubwiganze, abafitanye na we isano ya hafi na sosiyete zishinzwe gucungira abandi umutungo zifitanye isano na bo);

(iii) sosiyete hamwe na kimwe mu bigega byayo by'ubwiteganyirize, by'izabukuru ndetse n'uburyo buriho bwo guha abakozi imigabane muri sosiyete;

(iv) ucunga ikigega hamwe n'ikigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe iki n'iki cyangwa se urundi rwego rufite ishoramari ricungwa ku buryo busesuye n'uwo muntu ucunga ikigega ku birebana na konti zikoreshwa mu gushora imari mu migabane ndetse na

For the purposes of these regulations, persons falling within each of the following classes will be presumed to be acting in concert with others in the same class unless the contrary is established:

(i) A company, its parent, its subsidiaries, its fellow subsidiaries associated companies of any of the foregoing, and companies of which such companies are associated companies;

(ii) A company with any of its directors (together with their close relatives, related trusts and companies controlled by any of the directors, their close relatives and related trusts);

(iii) A company with any of its pension funds, provident funds and employee share schemes;

(iv) A fund manager with any collective investment scheme, or other body, whose investments such fund manager manages on a discretionary basis, in respect of the relevant investment accounts and in respect of one investment account and another where

Aux fins des présents règlements, les personnes relevant de chacune des catégories suivantes seront présumées agir de concert avec les autres dans la même catégorie sauf preuve du contraire:

(i) une société, sa société mère, ses filiales, ses filiales apparentées au sein d'un même groupe, les sociétés associées d'une quelconque de ces sociétés ou filiales et les sociétés dont ces sociétés sont associées;

(ii) une société avec l'un quelconque de ses administrateurs (en collaboration avec leurs proches, les fiducies connexes et des sociétés contrôlées par l'un quelconque des administrateurs, leurs proches et les fiducies connexes);

(iii) une société avec l'un quelconque de ses fonds de pension, de ses caisses de prévoyance et de ses régimes d'attribution des actions au personnel;

(iv) un gestionnaire de fonds avec l'un quelconque des fonds de placements collectifs, ou tout autre organe , dont les investissements sont gérés par un tel gestionnaire de fonds à titre discrétionnaire, en ce qui concerne les comptes de placement concernés et en

konti imwe ikoreshwa mu gushora imari mu migabane ndetse n'indi kandi izo konti zombi zikaba zicungwa ku buryo busesuye n'ucunga ikigega cyangwa n'abacunga ikigega bafitanye isano cyangwa bishyize hamwe;

(v) umujyanama w'umwuga mu by'imari cyanga undi mujyanama w'umwuga harimo umuhuza mu by'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane, ugura cyangwa ugurisha ku giti cye ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane hamwe n'umukiriya we ku birebana n'imigabane y'uwo mujyanama n'abagenzura, abagenzurwa cyangwa abarebwa n'ubugenzure bumeze kimwe n'uwo mujyanama;

(vi) Abagize inama y'ubutegetsi ya sosiyete ( hamwe n'abafitanye na bo isano ya hafi ndetse n'amasosiyete agenzurwa n'abo bari mu nama y'ubutegetsi cyangwa abafitanye na bo isano ya hafi) irebwa n'igikorwa cyo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete cyangwa se igihe abagize inama y'ubutegetsi bagomba kuba bafite impamvu zibemeza nezako igikorwa cyo gupiganira imigabane yose ya sosiyete gishobora kuba cyegereje;

(vii) Abafatanya mu bikorwa

(viii) Umuntu ku giti cye hamwe n'abafitanye na we isano ya hafi ndetse n'amasosiyete agenzurwa na

both are managed on a discretionary basis by a fund manager or related or associated fund managers ;

(v) A financial or other professional adviser, including a broker dealer, with its client in respect of the shareholdings of the adviser and persons controlling, controlled by or under the same control as the adviser;

(vi) Directors of a company (together with their close relatives, and companies controlled by such directors or their close relatives) which is subject to a takeover offer or where the directors have reason to believe a bona fide takeover offer for their company may be imminent;

(vii) Partners; and

(viii) Ann individual with his close relatives and companies controlled by him or his close relatives.

ce qui concerne un compte de placement et un autre auquel cas les deux sont gérés à titre discrétionnaire par un gestionnaire de fonds ou les gestionnaires de fonds apparenté ou associé;

(v) un conseiller financier ou un autre conseiller professionnel, y compris un courtier négociant, avec son client en ce qui concerne les participations du conseiller et des personnes contrôlant, contrôlées par ou sous le même contrôle que le conseiller;

(vi) les administrateurs d'une société (en collaboration avec leurs proches, et les sociétés contrôlées par de tels administrateurs ou leurs proches) qui est l'objet d'une offre publique d'achat ou si les administrateurs ont des raisons de croire qu'une offre publique d'achat faite en bonne foi pour leurs sociétés peut être imminente;

(vii) partenaires; et

(viii) un individu avec ses proches et sociétés contrôlées par lui ou ses proches.

we cyangwa agenzurwa n'abafitanye na we isano ya hafi.

**UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUPIGANIRA KUGURA IMIGABANE YOSE YA SOSIYETE**

**Article 4: Gufata abapiganwa kimwe**

Ugura agomba gufata kimwe abanyamigabane bose bari mu cyiciro kimwe cya sosiyete ishyira imigabane ku isoko ku birebana n'ingurane igomba gutangwa ijyanye n'imigabane yabo ndetse no ku birebana n'amakuru agomba kubaha hakurikijwe aya Mabwiriza ndetse n'arebana n'ikindi kintu cyose kirebana n'igikorwa cyo gupiganira imigabane yose ya sosiyete.

Abanyamigabane bagomba guhabwa kimwe amakuru arebana na sosiyete ziri mu gikorwa cyo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete kandi bakayahererwa uko bishoboka kose mu gihe kimwe no mu buryo bumwe. Uretse igihe Ikigo cyabanje kubyemera mu nyandiko, nta na rimwe ugura cyangwa undi muntu wese ukorera hamwe na we ashobora gukora amasezerano yo kugura cyangwa kugurisha imigabane ya sosiyete ishyira imigabane ku isoko haba mu gihe cyo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete cyangwa igihe ateganya kubikora igihe bene ayo masezerano afite ingingo zihariye zitareba abanyamigabane bose.

**CHAPTER II: CONDUCT OF TAKEOVER OFFERS**

**Article 4: Equality of treatment**

All shareholders of the same class of an offeree company shall be given equal treatment by the offeror in relation to the consideration to be paid for their shares, the information to be supplied to them pursuant to these regulations, and any other aspect of the takeover offer.

Information about companies involved in a takeover offer shall be made equally available to all shareholders as nearly as possible at the same time and in the same manner. Except with the prior written consent of the Authority, neither the offeror nor any person acting in consent with it may enter into arrangements to purchase or sell securities of the offeree company, either during a takeover offer or when one is reasonably in contemplation if such arrangements have special conditions which are not extended to all shareholders.

**CHAPITRE II: CONDUITE DES OFFRES PUBLIQUES D'ACHAT**

**Article 4: Egalité de traitement**

Tous les actionnaires de la même classe d'une société visée doivent bénéficier d'un traitement égal de la part de l'initiateur en ce qui concerne la contrepartie devant être versée pour leurs actions, l'information devant être mise à leur disposition en application des présentes règlements, et tout autre aspect de l'offre publique d'achat.

Les informations sur les sociétés impliquées dans une offre publique d'achat doivent être rendues disponibles à tous les actionnaires de manière équitable et, autant que possible, en même temps et de la même manière. Sauf autorisation écrit préalable de l'Autorité, ni l'initiateur ni la personne agissant de concert avec lui ne peut conclure des accords visant l'achat ou la vente des titres de la société visée, soit pendant une offre publique d'achat ou lorsque l'on envisage raisonnablement de faire ladite offre si de tels accords prévoient des conditions spéciales qui ne s'appliquent pas à tous les actionnaires.

**Ingingo ya 5: Kugaragaza ubushake bwo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete**

Ubushake bwo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete bugomba:

(a) gukorwa mu nyandiko ihabwa ku rwego rwa mbere inama y'ubutegetsi ya sosiyete ishyira imigabane ku isoko;
(b) kugaragaza itariki y'ipiganwa ndetse n'izina na aderesi by'ugura kandi bigomba kuba bukubiyemo ibintu bikurikira:
(i) kugaragaza neza amakuru yerekeye imiterere y'imigabane irebwa n'ipiganwa ryo kugura imigabane yose ya sosiyete;
(ii) ingurane yose igomba gutangwa igihe cyo kugura imigabane;
(iii) uburyo buri migabane iteganywa gutangwa kugira ngo hatangwe ingurane izakurikirana ku birebana n'inyungu z'abanyamigabane, imari-shingiro n'igombora;
(iv) igihe n'uburyo inyandiko nyemezamutungo w'iyo migabane izatangirwa;
(v) Uburyo, igihe ndetse n'ahantu iyo nyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete ishobora kwemerwa.

**Article 5: Intention to make Takeover offer**

An Intention to make a takeover offer shall:

(a) Be made in writing in the first instance to the board of the offeree company;
(b) Shall state the date of the offer and the name and address of the offeror and shall contain:
(i) Precise particulars of the securities in respect of which the takeover offer is made;
(ii) The total consideration payable for the purchase;
(iii) How any securities to be issued in consideration will rank for dividends, capital and redemption;
(iv) When and how the document of title to such securities will be issued; and
(v) How, when and where such takeover offer may be accepted.

**Article 5: Intention de faire l'offre publique d'achat**

Une intention de faire une offre publique d'achat doit:

(a) être faite par écrit en première instance au conseil d'administration de la société visée;
(b) indiquer la date de l'offre, le nom et l'adresse de l'initiateur et doit contenir :
(i) des indications précises sur les titres pour lesquels l'offre publique d'achat est faite;
(ii) la contrepartie totale à payer pour l'achat;
(iii) la façon dont les titres émis en contrepartie donneront droit aux dividendes, au capital et au rachat;
(iv) le temps où ou la façon dont le titre de propriété sur ces titres sera délivré, et
(v) le temps et le lieu où une telle offre publique d'achat peut être acceptée.

**<u>Ingingo ya 6:</u> Ibigaragazwa mu nyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete**

Inyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete igomba kugaragaramo ibintu bikurikira:

(a) Amakuru arambuye arebana n'uburenganzira mu gufata ibyemezo abantu basanzwe bafite muri sosiyete ishyira ku isoko imigabane:

(i) kandi ubwo burenganzira akaba ari ubw'upiganira kugura imigabane cyangwa se ubwo afitemo ubwiganze cyangwa ubwo yafataho icyemezo;
(ii) kandi ubwo burenganzira akaba ari ubw'umuntu wese ukorana n'ugura, ubwo afitemo ubwiganze cyangwa ubwo yafataho icyemezo;

(iii) kandi ubwo burenganzira akaba ari uburebana no kuba ugura cyangwa umuntu wese ukorana na we yariyemeje ku buryo budasubirwaho kwemera kugura imigabane yose ya sosiyete;
(iv) kandi ubwo burenganzira akaba ari ubwo ugura cyangwa undi muntu wese ukorana na we afite bwo kugura ku bushake bwe cyangwa inyandiko zigaragaza kwiyemeza kugura

**<u>Article 6:</u> Disclosure**

A takeover offer shall disclose:

(a) Details of any existing holding of voting rights in the offeree company:

(i) Which the offeror owns or over which it has control or direction;

(ii) Which is owned or controlled or directed by any person acting in concert with the offeror;

(iii) In respect of which the offeror or any person acting in concert with him has received an irrevocable commitment to accept the takeover offer;

(iv) In respect of which the offeror or any person acting in concert with him holds an option to purchase or warrants or other convertible securities;

**<u>Article 6:</u> Informations à donner**

Une offre publique d'achat doit contenir des informations suivantes:

(a) les détails de toute détention des droits de vote dans la société visée ;

(i) détenus par l'initiateur ou à l'égard desquels il exerce un contrôle ou une emprise ;

(ii) détenus par une quelconque personne agissant de concert avec l'initiateur ou à l'égard desquels cette personne exerce un contrôle ou une emprise ;

(iii) au regard desquels l'initiateur ou une quelconque personne agissant de concert avec lui a obtenue un engagement irrévocable d'accepter l'offre publique d'achat ;

(iv) au regard desquels l'initiateur ou une quelconque personne agissant de concert avec lui détient une option d'achat ou des bons de souscription d'actions ou des autres titres

imigabane cyangwa se indi migabane ishobora kuvunjwamo ibindi;

(b) Ibintu byose bigomba kubahirizwa ( ibisanzwe byubahirizwa mu kwemera, mu kwemerera imigabane ku isoko no kongera imari shingiro) mu rwego rwo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete;

(c) Amakuru arambuye arebana n'amasezerano aya n'aya (byaba mu buryo bw'uburenganzira bwo kugura, ubwishingire cyangwa mu bundi buryo) arebana n'imigabane y'ugura cyangwa ya sosiyete ishyira imigabane ku isoko kandi bikaba bigaragarako ayo makuru agomba kuba ari ingenzi ku birebana n'inyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete.

(d) Ubushake bugaragazwa n'ugura bwo gusaba Ikigo kumusonera gutanga inyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete.

Inyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete igomba kugaragazako umujyanama mu by'imari w'ugura cyangwa undi muntu bireba yemezako ugura afite imari ihagije imufasha kuba yagura imigabane yose ya sosiyete.

**<u>Ibanga 7</u>: Kugira ibanga**

Impande zose zirebwa n'inyandiko yo

(b) All conditions (including normal conditions relating to acceptance, listing and increase of capital) to which the takeover offer is subject; and

(c) Details of any arrangement (whether by way of option, indemnity or otherwise) in relation to shares of the offeror or the offeree company and which might be material to the takeover offer.

(d) The intention of the offeror to apply to the Authority for an exemption from making a take-over offer.

A takeover offer shall include confirmation by the financial adviser to the offeror or by another appropriate third party that resources are available to the offeror sufficient to satisfy full acceptance of the takeover offer.

**<u>Article 7</u>: Confidentiality**

All parties to a takeover offer or possible

convertibles;

(b) Toutes les conditions (y compris des conditions normales relatives à l'acceptation, à la cotation et à l'augmentation du capital) à laquelle l'offre publique d'achat est soumise, et

(c) les détails de tout accord (que ce soit sous forme de d'options, de dommages intérêts ou autrement) par rapport à des actions de l'initiateur ou de l'initiateur ou de la société visée et qui pourrait être important pour l'offre publique d'achat.

(d) L'intention de l'initiateur de demander à l'Autorité une exemption de faire une offre publique d'achat.

Une offre publique d'achat doit comprendre la confirmation par le conseiller financier de l'initiateur ou par un autre tiers approprié que l'initiateur dispose des ressources suffisantes pour satisfaire l'acceptation intégrale de l'offre publique d'achat.

**<u>Article 7</u>: Confidentialité**

Toutes les parties à une offre publique d'achat

gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete cyangwa se inyandiko ishobora kubaho yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete bagomba:

(a) Gukora ibishoboka byose kugira ngo bagire ibanga mbere y'uko gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete imenyeshwa rubanda hifashishijwe itangazo ritangwa hakurikiwe aya mabwiriza;

(b) Gufata ingamba za ngombwa kugira ngo bakumire igikorwa icyo ari cyo cyose kigamije kuyobya mu buriganya ibiciro by'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane by'ugura cyangwa bya sosiyete ishyira ku isoko imigabane.

**<u>Ingingo ya 8:</u> Amatangazo**

Itangazo rigomba gutangwa mu masaha makumyabiri n'ane (24).

(a) ritanzwe na sosiyete ishyira imigabane ku isoko igihe ubushake bwa sosiyete bwo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete bwamenyeshejwe inama y'ubutegetsi ya sosiyete ishyira ku isoko imigabane hashingiwe ku makuru aturutse ahantu hizewe hakurikijwe inyandiko igaragaza ubushake bwo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete iteganijwe

takeover offer shall:

(a) Take the greatest care to preserve absolute confidentiality before the takeover offer becomes public knowledge through an announcement made in accordance with these regulations;

(b) Take such steps as are necessary to prevent the creation of a false market in the shares of an offeror or offeree company.

**<u>Article 8:</u> Announcements**

An announcement is required to be published within 24 hours of :

(a) By the offeree company, when a firm intention to make a takeover offer is notified to the board of the offeree company from a serious source by way of these Regulations notice of intention to make a takeover offer, irrespective of the attitude of the board to the takeover offer;

ou l'offre d'achat éventuelle doit :

(a) Prendre le meilleur soin possible pour préserver la confidentialité absolue avant que l'offre publique d'achat ne soit portée à la connaissance du public par le biais d'une annonce faite en conformité avec les présentes règlements;

(b) Prendre des mesures nécessaires pour empêcher la création d'un pseudo marché dans les actions d'une société initiatrice ou visée.

**<u>Article 8:</u> Annonces**

Une annonce doit être publiée dans les 24 heures :

(a) par la société visée, lorsque la ferme intention de faire une offre publique d'achat est notifiée au Conseil d'administration de la société visée par une source sérieuse par le biais d'un avis d'intention de faire une offre publique d'achat prévu par les présentes règlements, quelle que soit l'attitude du Conseil d'administration par rapport à l'offre publique d'achat;

muri aya Mabwiriza kandi ibyo bigakorwa hatitawe ku buryo inama y'ubutegetsi ivuga ku gikorwa cyo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete;

(b) ritanzwe na sosiyete ishyira imigabane ku isoko igihe, hakurikijwe uburyo bukurikizwa, iyo sosiyete ishyira imigabane ku isoko ivugwaho ibihuha cyangwa andi makuru adafite gihamya cyangwa se igihe hariho ihindagurika ridakwiye ry'igiciro cy'umugabane wayo cyangwa se igihe amafaranga acuruzwa mu migabane yayo yiyogereye ku buryo bugaragara hatitawe ku kuba sosiyete ifite ubushake bwo gupiganira kugura imigabane ituma umuntu agura imigabane yose ya sosiyete;

(c) ritanzwe n'ugura kandi ibyo bigakorwa mbere yo guhitamo uburyo bukoreshwa, sosiyete ishyira ku isoko imigabane ikaba ivugwaho ibihuha cyangwa andi makuru adafite gihamya cyangwa se igihe hariho ihindagurika ridakwiye ry'igiciro cy'umugabane wayo kandi hakaba hari impamvu zifatika zishingirwaho mu kwemezako ibikorwa by'ugura ( byaba bitewe no kuba ingwate idahagije cyangwa bitewe no kugura imigabane ya sosiyete ishyira ku isoko imigabane cyangwa bitewe n'indi mpamvu) byatumye havuka icyo kibazo;

(d) ritanzwe n'ugura akimara kugura

(b) By the offeree company when, following an approach to it, the offeree company is the subject of rumour and speculation or there is undue movement in its share price, or a significant increase in the volume of share turnover, whether or not there is a firm intention to make a takeover offer;

(c) By the offeror when, before an approach has been made, the offeree company is the subject of rumor and speculation or there is undue movement in its share price, and there are reasonable grounds for concluding that it is the potential offeror's actions (whether through inadequate security, purchasing of offeree company shares or otherwise) which have led to the situation; and

(d) By the offeror, immediately upon an

(b) par la société visée lorsque, suite à une approche en la matière, la société visée fait l'objet de rumeurs et de spéculations ou lorsqu'il ya une variation excessive dans le cours de ses actions ou une augmentation significative du volume du chiffre d'affaires des actions, s'il existe ou non une ferme intention de faire une offre publique d'achat;

(c) par l'initiateur, lorsque, avant qu'une approche ne soit réalisée, la société visée fait l'objet de rumeurs et de spéculations ou il y a une variation excessive dans le cours de ses actions, et lorsqu'il ya des motifs raisonnables de conclure que ce sont les actions de l'initiateur éventuel (que ce soit par l'insuffisance de la garantie, l'achat d'actions de la société visée ou autrement) qui ont conduit à cette situation, et

(d) par l'initiateur, dès l'acquisition qui

imigabane ku buryo iryo gura ry'imigabane rimusaba kubahiriza inshingano yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete hakurikijwe aya Mabwiriza.

**Ingingo ya 9: Inama y'ubutegetsi ya sosiyete ishyira ku isoko imigabane**

Mu rwego rwo kurengera inyungu z'abanyamigabane, inama y'ubutegetsi ya sosiyete ishyira ku isoko imigabane yakiriye inyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete cyangwa se igihe umuntu ayigannye mu rwego rwo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete igomba kwitabaza umujyanama mu by'imari wigenga kugira ngo ayigire inama niba inyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete ari iy'ukuri cyangwa ifite ishingiro.

Inama itanzwe n'umujyanama wigenga mu by'imari igomba gutangwa mu nyandiko kandi ikaba igaragaza impamvu yayo kandi ikamenyeshwa abanyamigabane kandi ibyo bigakorwa ishyirwa mu nyandiko ikubiyemo igisubizo ijyanye na yo iherekejwe n'umwanzuro wafashwe n'inama y'ubutegetsi ya sosiyete ishyira ku isoko imigabane ku birebana no kwemera inyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete.

Umuntu ufite cyangwa wigeze gukorana n'ugura cyangwa na sosiyete ishyira ku isoko imigabane byaba ari ugukorana mu rwego

acquisition that gives rise to an obligation to make a takeover offer under these regulations.

**Article 9: Board of Offeree Company**

The board of an offeree company that receives a takeover offer, or is approached with a view to a takeover offer being made, shall, in the interests of its shareholders, retain an independent financial adviser to advise the board as to whether the takeover offer is, or is not, fair and reasonable.

The independent financial advice, including the basis for the advise, shall be obtained in writing and such written advice shall be disclosed to shareholders by including it in its reply document along with the recommendation of the offeree company's board regarding acceptance of the takeover offer.

A person who has, or had, a connection, financial or otherwise, with the offeror or offeree company of a kind creating or likely to

entraîne une obligation de faire une offre publique d'achat en vertu des présents règlements.

**Article 9: Conseil d'administration d'une société visée**

Le Conseil d'administration de la société visée qui reçoit une offre publique d'achat, ou est contacté en vue d'une offre publique d'achat qui est proposée, doit, dans le meilleur intérêt de ses actionnaires, faire appel à un conseiller financier indépendant devant conseiller le conseil d'administration quant à savoir si l'offre publique d'achat est ou non juste et raisonnable.

Le conseil financier indépendant, y compris le fondement du conseil, doit être donné par écrit et un tel conseil écrit doit être communiqué aux actionnaires en l'incluant dans son document de réponse ainsi que la recommandation du conseil d'administration de la société visée en ce qui concerne l'acceptation de l'offre publique d'achat.

Une personne qui a ou a eu, une connexion financière ou autre, avec l'initiateur ou la société visée créant ou susceptible de créer un

rw'imari cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose kandi iyo mikoranire ikaba ituma cyangwa ishobora gutuma habaho igongana ry'inyungu ntiyemerewe guha sosiyete ishyira ku isoko imigabane inama yo mu rwego rw'imari.

Sosiyete ishyira ku isoko imigabane igomba gushyiraho umujyanama mu by'uburuzi wemewe kugira ngo afashe ushyira ku isoko imigabane kubahiriza inshingano zivugwa muri aya Mabwiriza no mu Itegeko. Uwo mujyanama mu by'ubucuruzi ashobora kandi gukora nk'umujyanama mu by'imari wigenga.

**<u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z'abagize inama y'ubutegetsi**

Iyo bagira inama abanyamigabane ba sosiyete, abagize inama y'ubutegetsi y'ugura cyangwa ya sosiyete ishyira imigabane ku isoko bagomba buri gihe:

(a) kubahiriza inshingano zabo nk'abagize inama y'ubutegetsi batitaye ku migabane yabo bwite cyangwa ku migabane bafatanije n'abandi muri sosiyete cyangwa se batitaye ku mikoranire yabo bwite bafitanye na sosiyete;
(b) kwita gusa ku nyungu z'abanyamigabane ba sosiyete, ku z'abakozi bayo no ku z'abo ibereyemo imyenda.

**<u>Ingingo ya 11:</u> Ibibujijwe**

create a conflict of interest, shall not give financial advice to the offeree company.

The offeree company shall appoint a licensed Transaction Adviser to ensure compliance of the offeree with the obligations of these Regulations and the Act. The Transaction Adviser may also act as the independent financial advisor.

**<u>Article 10:</u> Duty of directors**

Directors of an offeror or offeree company shall, at all times when advising the company's shareholders:

(a) Act only in their capacity as directors without regard to their personal or family shareholdings or their personal relationship with the company;
(b) Have regard only to the interests of the company's shareholders, employees and creditors.

**<u>Article 11:</u> Prohibitions**

conflit d'intérêts, n'est pas autorisée à donner des conseils financiers à la société visée.

La société visée doit nommer un conseiller agréé en matière de transactions pour s'assurer que la société visée respecte les obligations prévues par les présents règlements et la Loi. Le Conseiller en matière de transactions peut également agir à titre de conseiller financier indépendant.

**<u>Article 10:</u> Obligation des administrateurs**

Les administrateurs d'une société initiatrice ou visée doivent, à tout moment lorsqu'ils donnent des conseils aux actionnaires de la société:

(a) n'agir que dans leur qualité d'administrateurs sans égard à leurs participations personnelles ou familiales ou à leur relation personnelle avec la société;
(b) tenir uniquement compte des intérêts des actionnaires de la société, des employés et des créanciers.

**<u>Article 11:</u> Interdictions**

Iyo inyandiko y'ukuri yo gupiganira kugura imigabane ikimara kumenyeshwa inama y'ubutegetsi ya sosiyete ishyira imigabane ku isoko cyangwa se igihe hari impamvu zifatika zituma inama y'ubutegetsi ya sosiyete ishyira imigabane ku isoko yizerako inyandiko y'ukuri yo gupiganira kugura imigabane yegereje, inama y'ubutegetsi y'ushyira imigabane ku isoko cyangwa se umwe mu bayigize cyangwa bamwe mu bayigize ntibashobora nyuma yaho gufata icyemezo iki n'iki byaba mu buryo buziguye cyangwa butaziguye ku birebana n'ibikorwa by'ubucuruzi bya sosiyete ishyira imigabane ku isoko batabanje kubyemererwa n'inteko rusange y'abanyamigabane. Ibyo bishobora gutuma:

(a) inyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete yangwa, cyangwa;
(b) Abanyamigabane ba sosiyete ishyira imigabane ku isoko batemererwa gusuzuma mu mizi inyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete.

Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya (1), inama y'ubutegetsi ya sosiyete ishyira imigabane ku isoko ntishobora igihe itabyemerewe:

(a) gushyira ku isoko imigabane;
(b) gutangaza cyangwa gutanga isezeranyabuguzi ku birebana n'imigabane itari yashyirwa ku isoko;
(c) gushyiraho, gutangaza cyangwa

Immediately after a bona-fide takeover offer has been communicated to the board of an offeree company, or where there are reasonable grounds for the board of an offeree company to believe that a bonafide takeover offer may be imminent, the offeree board or any member or members thereof shall not at any time thereafter take any action, whether directly or indirectly, in relation to the offeree company's affairs, without the approval of the company's shareholders in general meeting, which could effectively result in:

(a) The takeover offer being frustrated; or

(b) The shareholders of the offeree company being denied an opportunity to decide on the merits of a takeover offer.

Without prejudice to the generality of paragraph (1), the board of an offeree company shall not, without such approval:

(a) Issue any shares;
(b) issue or grant options in respect of any unissued shares;

(c) Create or issue or permit the creation

Immédiatement après qu'une offre publique d'achat faite en bonne foi ait été communiquée au conseil d'administration d'une société visée, ou lorsque le conseil d'administration de la société visée dispose des motifs raisonnables de croire qu'une offre publique d'achat faite en bonne foi pourrait être imminente, le conseil d'administration de la société visée ou un quelconque de ses membres ou ses membres ne peuvent en aucun moment prendre par la suite des mesures, que ce soit directement ou indirectement, en ce qui concerne les affaires de la société visée, sans l'approbation des actionnaires de la société réunis en assemblée générale, qui pourrait effectivement entraîner:

(a) la décision de rendre l'offre publique d'achat sans objet;
(b) la décision de refuser aux actionnaires de la société visée la possibilité de se prononcer sur le fond d'une offre publique d'achat.

Sans préjudice des généralités de l'alinéa (1), le conseil d'administration de la société visée ne peut, sans cette approbation:

(a) émettre des actions;
(b) émettre ou attribuer des options à l'égard de des actions quelconques non émises;
(c) créer ou émettre ou permettre la

gutanga uburenganzira bwo gushyiraho cyangwa gutangaza imigabane iyi n'iyi iherekejwe n'uburenganzira bwo kuvunjwamo indi migabane ya sosiyete cyangwa kwiyemeza kugura iyo migabane ya sosiyete;

(d) kugurisha, gutanga cyangwa kugurisha cyangwa kwemera kugurisha, gutanga cyangwa kugura umutungo ugura amafaranga menshi cyangwa se kubikora mu buryo butandukanye n'ubusanzwe bukoreshwa mu bikorwa by'ubucuruzi;

(e) gukora amasezerano yaba amasezerano yo gutanga serivisi mu buryo butandukanye n'ubusanzwe bukoreshwa mu bikorwa by'ubucuruzi;

(f) gutuma sosiyete cyangwa sosiyete iyishamikiyeho iyi n'iyi cyangwa sosiyete yishyize hamwe na yo igura cyangwa igombora imigabane iyi n'iyi muri sosiyete cyangwa itanga inkunga y'imari kugira ngo hagurwe imigabane iyi n'iyi.

Iyo amasezerano ateganyako sosiyete igomba kubanza gukora igikorwa iki n'iki, Ikigo kigomba kubazwa hakiri kare niba hateganwa gukurirwaho inshingano rusange igomba kubahirizwa mu gusaba abanyamigabane kwemerako ikintu iki n'iki gikorwa.

or issue of any securities carrying rights of conversion into, or subscription for, shares of the company;

(d) Sell, dispose of or acquire or agree to sell, dispose of or acquire assets of a material amount, or otherwise than in the ordinary course of business;

(e) Enter into contracts, including service contracts, otherwise than in the ordinary course of business; or

(f) Cause the company or any subsidiary or associated company to purchase or redeem any shares in the company or provide financial assistance for any such purchase.

Where the company is under a prior contractual obligation to take any such action, the Authority shall be consulted at the earliest opportunity if a waiver is to be sought from the general requirement to obtain shareholders' approval.

création ou l'émission des titres quelconques assortis des de conversion en, ou une souscription des actions de la société;

(d) vendre, céder ou acquérir ou accepter de vendre, de céder ou d'acquérir les actifs d'un montant important, ou autrement que dans le cours normal des activités;

(e) conclure des contrats, y compris les contrats de service, autrement que dans le cours normal des activités;

(f) inciter la société ou une filiale quelconque ou une société associée à acheter ou racheter des actions de la société ou fournir une aide financière pour un quelconque achat.

Lorsque la société est soumise à une obligation contractuelle antérieure de prendre de telles mesures, l'Autorité doit être consultée dans les meilleurs délais s'il est envisagé de solliciter une dérogation à l'obligation générale d'obtenir l'approbation des actionnaires.

**Ingingo ya 12: Kubanza kwemererwa mbere yo gusubirana inyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete**

Uretse igihe bimaze kwemezwa n'ikigo, iyo inyandiko yo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete yakozwe hakurikijwe aya Mabwiriza, ugura akurikizaho gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete keretse iyo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete bigomba gukorwa habanje kuzuzwa inshingano iyi n'iyi igihe iyo nshingano itubahirijwe.

**Ingingo ya 13: Guhindura inyandiko zo gupiganira kugura imigabane yose ya sosiyete**

Ugura ashobora guhindura inyandiko yo gupiganira kugura imigabane hakurikijwe ingurane yatanzwe ku migabane iteganijwe kugurwa kandi ibyo akabikora:

(a) yongera umubare w'amafaranga iyo ari amafaranga yatanzwe;

(b) yongera umubare w'imigabane iyo ari imigabane yatanzwe;

